# INTEKO Y'UMUCO

INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU
KU KINYARWANDA

17 GASHYANTARE 2023
(MU BURYO BW'IYAKURE)

# AKAMARO KO KWITA KU MIKORESHEREZE INOZE Y'IKINYARWANDA MU NGERI ZOSE Z'UBUZIMA

# IMPAMVU Y'INAMA

- Ku itariki ya 21 Gashyantare ibihugu bihuriye mu Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO) n'u Rwanda rurimo, byizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire. Akaba ari yo mpamvu na rwo rwifatanya n'amahanga mu kuwizihiza. Muri uyu mwaka wa 2023 rukaba ruzaba rugiye kubikora ku nshuro ya 20 kuva utangiye kwizihizwa mu Rwanda mu wa 2002.
- Gushyiraho uyu Munsi ni icyemezo cyafashwe n'Inama Rusange ya UNESCO mu wa 1999 kubera akamaro gahanitse indimi kavukire zifitiye benezo. Gushyiraho uyu munsi byari bigamije gusigasira indimi kavukire ziri hirya no hino ku isi kubera ko harimo zimwe zigenda zicika kandi zihatse ubumenyi butandukanye; akaba ari yo mpamvu zigomba kwitabwaho no gutezwa imbere.
- Ibikorwa byo kwita ku ndimi kavukire nanone bigamije gufasha abantu kugira ubusabane no kungurana ubumenyi binyuze mu ndimi zabo, ikaba n'inzira yo gukomeza ubumwe mu bazivuga. Ubu bumwe ni bwo indirimbo yubahiriza Igihugu cyacu igarukaho igira iti: "*Umuco dusangiye uraturanga*, *Ururimi rwacu rukaduhuza.*"
- Inama nyunguranabitekerezo ku mikoreshereze inoze y'Ikinyarwanda mu nzego zose iteganyijwe kuba ku itariki ya 17 Gashyantare 2023 ku buryo bw'ikoranabuhanga, ikazahuza impuguke n'abashakashatsi ku iyigandimi n'ubuvanganzo mu Kinyarwanda. Izamurikirwamo inyandiko za gihanga ku mikoreshereze inoze y'Ikinyarwanda mu ngeri zose z'ubuzima zizanatangazwa mu igazeti y'Inteko y'Umuco yitwa Umurage. Iyi nama ifite insanganyamatsiko igira iti: "*Akamaro ko kwita ku mikoreshereze inoze y'Ikinyarwanda mu ngeri zose z'ubuzima*".

# GAHUNDA Y'INAMA

| IGIHE | IGIKORWA | | IGISHINZWE |
|---|---|---|---|
| **10:00-10:10** | - **Ijambo ry'ikaze/ijambo ryo gufungura inama** nyunguranabitekerezo | | Inteko y'Umuco |
| | **INGINGO** | **IKIGANIRO** | **UTANGA IKIGANIRO** |
| **10:10-10:25** | **Itunganyandimi** | *Iturana ry'indimi mu Mujyi wa Kigali* | Musabeyezu Theogene Umukozi/Inteko y'Umuco |
| **10:25-10:40** | | *Ikoreshwa ry'Ikinyarwanda ku rubuga rwa Fesibuku* | Uwiringiyimana Nurathi |
| **10:40-10:55** | **Amuga** | *Ingaruka y'imbuga nkoranyambaga ku myigire y'Ikinyarwanda mu mashuri makuru y'imyuga n'ubumenyi ngiro: urugero rwa IPRC Karongi* | Nteziyaremye Alphonse Umwarimu muri IPRC Karongi |
| **10:55-11:05** | | *Inyandiko ku muga mu Kinyarwanda y'iteganyagihe n'ibyapa byo* ku kibuga cy'indege | Kabagema Egide Umukozi/Inteko y'Umuco |
| **11:05-11:15** | **Kungurana ibitekerezo (Ibibazo n'ibisubizo)** | | |
| **11:15-11:25** | **Ijambo risoza** | | Inteko y'Umuco |

# INCAMAKE Y'IBIGANIRO

IMIKORESHEREZE Y'INDIMI AHAHURIRA ABANTU BENSHI MURI KIGALI

**Musabeyezu Théogène**
Umukozi/Inteko y'Umuco

Mu Rwanda rwiyemeje gukoresha indimi 4 zemewe mu butegetsi zirimo eshatu mvamahanga ari zo Igifaransa, Igiswayire n'Icyongereza; ziyongera ku rurimi kavukire rw'Igihugu. Izo ndimi z'amahanga zahawe uwo murimo nubwo Abanyarwanda hafi ya bose bakoresha ururimi rumwe rw'Igihugu rw'Ikinyarwanda. Kuba zemewe mu butegetsi bisobanuye ko ukoreshwa buri rurimi muri zo aba afite uburenganzira bwo kurukoresha no gusabana n'abo agana muri rwo, akaba ari na rwo gahabwamo amakuru. Bisobanuye ko kandi nta rurimi muri izo rugomba kuryamira izindi mu mikoreshereze yazo. Muri iki gihe bumwe mu bushakashatsi ku miterere y'indimi mu Rwanda bugaragaza ko hari ibidahwitse mu ikoreshwa ryazo. Birushaho kuba bitoroshye mu migi cyane cyane mu murwa mukuru wa Kigali aho benshi bazikoresha mu buryo butandukanye buri wese ashingiye ku mpamvu ze n'ubuzima arimo. Mu ndimi enye zemewe mu butegetsi, biragaragara ko zitanganya umwanya zikoreshwamo ahahurira abantu benshi mu murwa mukuru wa Kigali. Umwanya w'izindi ugenda ugabanuka.

**Amagambo y'ingenzi:** indimi zemewe mu butegetsi, iturana ry'indimi, itunganyandimi, iyigandimi nyamubano.

# INCAMAKE Y'IBIGANIRO

**IKORESHWA RY'IKINYARWANDA KU RUBUGA RWA FESIBUKU**

Uwiringiyimana Nurathi

Hashize imyaka myinshi ikinyarwanda gitiye amagambo menshi mu ndimi z'amahanga nk'igifaransa, icyongereza n'igiswayire; ari nabwo hatangiye guhangwa amuga yabugenewe mu Kinyarwanda. Uko umuco nyarwanda ugenda ukura ni nako ugenda wunguka uturango tunyuranye ari na ko bitera ihindagurika ry'ururimi mu mikoreshereze yarwo. Ihangamuga rero ni bwo buryo bwadufasha guhanga amagambo adasanzwe mu rurimi kavukire hagamijwe kwagura ururimi rwacu twirinda kuvanga indimi. Ubu bushakashatsi buzibanda ku gusuzuma amuga akoreshwa ku mbuga nkoranyambaga uburyo akurwa mu cyongereza ashyirwa mu Kinyarwanda, n'amakosa agaragaramo by'umwihariko ku rubuga rwa fesibuku aho usanga hari amuga yashyizwe mu Kinyarwanda ariko akaba adahuje ibisobanuro by'ayo mu Cyongereza, ndetse hakaba hakiri n'amagambo atarakorerwa amuga. Iterambere ry'ikoranabuhanga rikorerwa kuri murandasi ndetse na za terephone ririhuta ku buryo hakenewe imbaraga nyinshi mu kwagura ururimi dushishikariza abarimu bigisha indimi guha abanyeshuri imikoro yo guhanga amuga mu rurimi rw'ikinyarwanda ndetse no kuboneza imikoreshereze yarwo; tugasaba Leta y'u Rwanda gutera inkunga abashakashatsi bo mu ngeri z'ururimi mu rwego rwo gusigasira no gukungahaza ikinyarwanda kugendana n'igihe duharanira iterambere ry'ururimi rwacu, tunafasha abatumva indimi z'amahanga gusobanukirwa ibikorerwa kuri murandasi.

**Amagambo y'ingenzi:** Ihinduranyandiko, amuga, ihangamuga, kwagura ururimi.

# INCAMAKE Y'IBIGANIRO

## INGARUKA Y'IMBUGA NKORANYAMBAGA KU MYIGIRE Y'IKINYARWANDA MU MASHURI MAKURU Y'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO: Urugero rwa IPRC Karongi

**NTEZIYAREMYE Alphonse**
Umwarimu muri IPRC Karongi

Muri iki gihe, imbuga nkoranyambaga ni imwe mu nzira zifashishwa na benshi mu ihanamakuru hagati y'abatuye isi. Ibi bikaba biterwa n'uko ari uburyo bwihuse kandi bworohera benshi iyo bakeneye gusangiza abandi ibitekerezo byabo. Ubu bushakashatsi bufite umutwe ugira uti: "Ingaruka y'imbuga nkoranyambaga ku myigire y'Ikinyarwanda mu Mashuri Makuru y'Imyuga n'Ubumenyingiro: Urugero rwa IPRC Karongi" bwasesenguye ingaruka ihanamakuru mu nyandiko ryifashisha imbuga nkoranyambaga rigira ku myigire y'isomo ry'Ikinyarwanda ku banyeshuri bo mu kiciro cyarebwaga n'ubu bushakashatsi. Imbuga nkoranyambaga zagaragajwe ko zikoreshwa cyane n'abanyeshuri n'abarimu babo muri ubu bushakashatsi ni Watsapu, Fesibuku na Yutubi. Itsinda nkeshwamakuru ryifashishijwe muri ubu bushakashatsi ryaturutse mu itsinda ngenderwaho rigizwe n'abanyeshuri biga mu dushami tune (4) tuboneka mu ishuri rya IPRC Karongi bafite aho bahurira n'isomo ry'Ikinyarwanda mu myigire yabo hamwe n'abarimu babigisha iryo somo. Abo banyeshuri n'abarimu bahawe inyandiko ziriho ibibazo by'ubushakashatsi barabisubiza hagamijwe kugaragaza imiterere y'ingaruka imbuga nkoranyambaga zigira ku myigire y'Ikinyarwanda. Ubu bushakashatsi busoza hagaragazwa zimwe mu ngaruka imbuga nkoranyambaga zigira ku myigire y'Ikinyarwanda ku banyeshuri bo mu kiciro bwibanzeho bakoresha izo mbuga ndetse n'icyakorwa ngo icyo kibazo gikosoke.

**Amagambo fatizo:** Imbuga nkoranyambaga, imyigire, Ikinyarwanda, Amashuri Makuru y'Imyuga n'Ubumenyingiro, ihanamakuru

# INCAMAKE Y'IBIGANIRO

**Ibyiza by'amuga ahangiweho mu Kinyarwanda mu kwihutisha ikwira ry'amuga y'Ikinyarwanda muri za serivisi zitandukanye.**

Urugero: - Amu ga y'ibyapa byo ku kibuga cy'indege mu Kinyarwanda
-Amuga y'iteganyagihe mu Kinyarwanda

**Kabagema Egide**
Umukozi/Inteko y'Umuco

Guhera muri 1979 u Rwanda rwihaye gahunda yo kwingahazaho amuga y'Ikinyarwanda mu ngeri zose ku gira ngo hashoboke gutangwa serivisi mu Kinyarwanda ku buryo bwihuse kandi bunoze. Muri iyi myaka ya vuba ari yo guhera 2020, Inteko y'Umuco yihaye gahunda yo kureka inzira ndende isanzwe ikurikizwa mu ihanga muga, ishaka inzira ya bugufi kandi inoze yo kugira ngo ifashe inzego zinyuranye guhindura amuga zikoresha mu Kinyarwanda amuga zikoresha mu kazi ka buri munsi. Ubu ni uburyo bwitwa ihangamuga ribangutse ritanga amuga ahangiweho , ni ukuvuga ayo inzego zihanze akazagenda amenyerezwa mu mitangire ya serivisi. Kugeza ubu hamaze guhangwa mu Kinyarwanda amuga y'ibyapa byo ku kibuga cy'indege n'amuga y'iteganyagihe.

Amagambo y'ibanze: Ihangamuga, ihinduramuga, amuga ahangiweho